**Igerambuto n'uburyo bwo gutera**

Hakenerwa kirogarama ijana z'imbuto kuri hegitari imwe (100kg/ha). Imbuto zinyanyagizwa mu mirongo itandukanywa na santimetero makumyabiri (20cm). Ubujyakuzimu bwa centimetero eshatu (3cm).

**Gukenura igihingwa**
Kumenera, kubagara, gusukira, kurandura ibyatsi, ibindi bihingwa, kimwe n'izindi mbuto z'ingano zimera mu murima.

**Indwara n'ibyonnyi by'ingano**

Gutera umuti wica udukoko inshuro ebyiri igihe hagaragaye udukoko tw'ubuhunduguru n'utundi dutera virusi hakoreshejwe Dursban 48%EC cyangwa Sumithion 50% EC cyangwa Rogor 40% EC (Diméthoate), ml 15 kuri litiro 15 z'amazi kuri ari imwe. Guteramo inshuro 3 cyangwa 4 umuti urwanya indwara z'ibihumyo nka septoriose, umugese, n'uruhumbu (oidium) hakoreshejwe Orius, ml 10 kuri litiro 15 kuri ari 1. Kuvanamo ibihingwa byose byafashwe na virusi cyangwa bagiteri cyangwa izindi ndwara z'ibihumyo zituruka ku mbuto nk'inopfu na septoriose.







RAB/ Porogaramu y'ingano

**Iminsi zerera**

Ingano zerera iminsi 105 kugeza kuri 140 bitewe n'uturere zahinzwemo.

**Umusaruro w'ingano**
Ingano zitanga umusaruro toni 2 kugeza kuri toni 6 kuri



hegitari.

**Umusaruro w'ingano**
Ingano zitanga umusaruro toni 2 kugeza kuri toni 6 kuri hegitari.

**Gusarura, kwanika, gutoranya no guhunika**

Isarura rikorwa ingano zeze neza, impeke zimaze gukomera no kuma neza, zifite ubuhehere bwa 16% kugeza kuri 18%, ibiganogano bifite ibara ry'umuhondo.

Guhura hakoreshwa ibibando ariko bishobotse guhura byakorwa n'imashini kugira ngo impeke zitamenagurika.

Turashimira Leta y'u Rwanda na RAB itera inkunga ibikorwa byose by'ubuhinzi bw'ingano
Byateguwe na
A. Musabyisoni, I. Habarurema na A. Hategekimana

Ushaka ibindi bisobanuro bariza aha hakurikira
RAB–MUSANZE

RAB/ Porogaramu y'ingano

## REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI**

**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUHINZI N'UBWOROZI (RAB)**

# UBUHINZI BW'INGANO



## Intangiriro

Mu Rwanda ingano n'igihingwa cy'ingirakamaro. Ariko muri iki gihe imbuto ziriho zagaragaje kutihanganira indwara cyane, zigatanga umusaruro muke kandi ifarini yazo ntikorwemo umugati mwiza. Ibi rero bisaba ko hashakwa imbuto nziza yakemura ibyo bibazo.

## Akamaro k'ingano mu Rwanda

Ingano zihingwa kugirango zitange ifarini yakoreshwa mu gukora umugati, igikoma, umutsima, baziryamo polici (Porridge), zigatanga isaso y'ibihingwa ndetse ibisigazwa byazo bikavamo ibiryo by'amatungo.

## Ibibazo mu buhinzi bw'ingano


Nubwo akamaro k'ingano ari kenshi kandi kazwi hagiye hagaragara ibibazo bimwe na bimwe. Aha twavuga amoko y'ingano atihanganira indwara, ibyonnyi ndetse n'ibindi biza, ubutaka bwagundutse n'ubumenyi bukeya bw'abahinzi mu gutunganya umusaruro wabo.

Umusaruro kuri hegitari kandi uracyari muke mu mirima y'abahinzi ugereranije nuboneka mu kigo cy'ubushakashatsi (ISAR). Ibi bituma igihugu gitumiza ingano nyinshi hanze buri mwaka bitwara amafaranga menshi igihugu.



## Uturere tuberanye n'ingano

Ingano zishobora guhingwa mu turere twose turi hagati ya m 1800 na m 2500 z'ubutumburuke. Mu Ntara y'Amajyaruguru zera mu Turere twa Burera, Gakenke, Gicumbi, Musanze na Rulindo. Mu Ntara y'Amajyepfo zera mu Turere twa Nyamagabe na Nyaruguru. Mu Ntara y'Uburengerazuba zera mu Turere twa Nyabihu, Rubavu, Ngororero, Karongi na Rutsi-




**Amoko y'ingano ahingwa mu Rwanda**

| Ubwoko | Umusaruro (toni/hegitari) | Igihe zatangiwe |
|---|---|---|
| Musama | 3 - 4 | 1988 |
| E161 | 3.5 - 5 | 2008 |
| KS Mwamba | 3 - 4 | 2009 |
| Njoro II | 3 - 4 | 2012 |



## Guhinga ingano kijyambere

### Ubutaka

Ingano zikenera ubutaka bw'isi ndende, bufite imborera ihagije kandi buhitisha amazi.

### Isimburanyabihingwa

Ingano zibisikanywa n'ibinyamisogwe (amashaza, ibishyimbo, ) ndetse n'ibinyabijumba (ibirayi).

### Igihe cy'itera

Hagati muri Nzeri kugera hagati m' Ukwakira (*Ihinga A*)
Hagati muri Werurwe kugera hagati muri Mata (*Ihinga B*)

### Gutegura umurima

Umurima ugomba guhingwa inshuro ebyiri. Ubwa mbere hakurwamo ibyatsi, ubwa kabiri hasanzwa umurima kugira ngo haboneke intabire iringaniye yo gucibwamo imirongo.

### Ifumbire y'imborera

Kilogarama ibihumbi icumi ku murima wa hegitari imwe mbere yo kubiba imbuto (1000 kg/ ha ).

### Ifumbire mvaruganda

Kilogarama magana abiri na mirongo itanu za NPK cyangwa kilogarama ijana za DAP mu murima wa hegitari imwe mu gihe cyo gutera (250 kg/ha za NPK cyangwa 100 kg/ha za Ire), hakongerwamo kirogarama ijana za ire (1mu gihe cyo kubagara).